Ihame ry'icungamari mu
Kwiringira Imana

"Uwishingikirije ku butunzi bwe azagwa, Ariko umukiranutsi azatoha nk'ikibabi kibisi." Imigani 11:28

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Idorari ry' Amerika ryandisteho ngo, "mu Mana turiringira." Ese turabikora? Nyamara abakurambere bacu barabyiringiraga. Bafashe uwo musaraba w' ibyo bemeraga. Bari bazi agaciro ko kwiringira no kwemera mu mana hamwe na bibiliya. Bibiliya yaje kuba igitabo cy'indahiro mu nkiko, ndetse cyikaba igitabo cyarabahaye icyizere n'ubwira. Yari umusingi n'urufatiro mu kwandika itegeko nshinga mu kubaka umuryango uboneye tubona uyu munsi. Bari bazi neza ko amafaranga ashobora kuzabera abantu ikigirwamana, bityo bigira inama yo kwandikaho arya magambo kugira ngo ajye yibutsa abantu. Ubuzima bwacu hamwe n'Igihugu cyacu bizakomeza gukura nidukomeza kwiyegurira Imana na mahame yayo. Ese Amerika yaba yarahiriwe? Nibyo rwose. Ese turacyakura? Yego, ariko ishyamba si ryeru. Kubera iki? Kuko twiringira amafaranga aho kwiringira mu mana. Ese ni kuki kwiringira amafaranga byazadukoraho?

Icya mbere, umutima udatinya Imana ntabwo uba ufite kiyobora muri wo, bityo ukisanga wireba gusa ndetse wikorera ibyo ushatse. Kubera gutinya Imana, imiryango igira gukiranuka. Usanga bitangaho ingero mu bantu ubwabo, ari nako binenga. Dushyira imbere amafaranga, aho kugira ngo dushyire imbere Imana, aka niko gaciro duhitamo kwiyambika ariko amaherezo bidukoraho. Leta zunze ubumwe z'abasoviyete zarabigerageje ariko zirananirwa bikomeye—niko bizagendera undi muryango wose uhakana kuyoborwa n'itegeko ry'Imana nk'umusingi wabo. Niba twifuza kuramba tugomba kwemera no kwiringira Imana, maze tugafata amafaranga nk'inyongera idufasha mu buzima.

Icya kabiri, iyo utiringira Imana ntushyireho za kirazira n'indangagaciro , amafaranga yacu yajya aca mu mifuka yacu nkaho ipfumutse. Iyo tubuze ubuyobozi bw'imana turahuzagurika. Usanga ntacyo tumaze bityo n'umusaruro wacu ukabura, maze ugasanga twifuza kuzamura imisoro aho kugira ngo duhome wa mwobo uri mu mufuka wacu.

Ese kwizera imana bivuze iki? Ntabwo bivuze ko duhagarika gupanga no gukorera inzozi zacu. Kwiringira imana ntabwo bivuze ko twigaramira no kunebwa. Bivuze ko twiringira kandi tukemera mu Mana kugeza ubwo twegereje ubuzima n'umurimo wacu ku ndangagaciro zayo. Kwiringira bivuze gushyira icyizere ahantu. Kwiringira rero bikomoka ku burambe tugira mu gihe twakoranye n'umuntu. Ntabwo dushobora kucyigura cg ngo tugisabe; kiraharanirwa. Iyo tubanye tugashakisha n'Imana, tuzayibona ari uko dukiranutse, twihayeyo, turi inyangamugayo, kandi turi abaringirwa. Bityo ni byiza ko twashyira icyizere cyacu muri yo kandi tukaringaniza ubuzima bwacu ku mategeko yayo n'indangagaciro zayo, ari nabyo bizaduha ubuzima bwiza.

Iyo twiringiye mu mafaranga, biba ari iby'igihe gito kandi ntibiramba. Amategeko y'Imana ahoraho kandi ni ayo kwiringirwa. Ahoraho; isi n'ijuru bizahita biyasige. Kwiringira Imana rero bidutera kugendera ku mategeko yayo bityo bikatuzanira ihirwe, ariko kwiringira amafaranga bizadutera kugira ubusambo ndetse dutakaze umurongo, ibi kandi byangiza kamere yacu.

Hari uburyo butatu dushobora gupima ibyiringiro byacu mu Mana:

1. Iyo ibintu byagenze nabi, ese waba utabaza nde?

2. Ese waba ushyira imbaraga zingana iki mu kwiga ijambo ry'Imana?

3. Ese byagusaba iki kugira ngo ubeshye cyangwa wibe kugira ngo ugere ku cyo wifuza kugeraho?

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Ikibazo dufite ni uko tuzi ko Imana ishobora byose, bityo ugasanga twifuza ko yakora byose.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	K	G	K	G	G	C			

Completed ☐ Not completed ☐